# UMWAKA 2007

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | | Akarere | | Umurenge | | Ishuri | | Umunyeshuri | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | | | | | |

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI**

IZINA RYAWE BWITE: ______________________________________________

ANDI MAZINA YAWE: ______________________________________________

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE BIGOMBA KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

## IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA
## UMWAKA WA GATANDATU 2007

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Banza usome uyu mwandiko witonze, ubone gusubiza ibibazo biwerekeye.**

Igihugu cyacu bakunze kwita icy'imisozi igihumbi, umutima w'Afurika, abakurambere bacu bo bahamije ko ari ho Imana itaha, ni inturo ihebuje Abanyarwanda twese dusangiye: tuhabungabungira amagara yacu kuko ari ha twugama imvura, tukahirindira ubushyuhe n'imbeho bidakenewe n'umubiri wacu; tuhakura byinshi mu bidutunga biturutse ku buhinzi, ubworozi n'indi mirimo inyuranye.

Igihugu cyacu ni umubyeyi ubumwe umuryango mugari tugize kuva ku basokuruza kugera ku bazavuka. Ni umurage utagereranywa ukubiyemo ibyiza byinshi biduhuza, birimo ururimi rwacu rw'ikinyarwanda, indangagaciro zimwe nk'ubutwari, ubudahemuka, umurava, umucyo, urugwiro n'utundi turango dushimwa tw'umuco wacu. Ibi bikaba bishimangira ko ivangura iryo ari ryo ryose, ryashingira ku moko, ku turere, ku madini, ku bitsina n'ibindi riba ribangamiye bikomeye urukundo uwo mubyeyi adukunda. Ni iryo guhora ryamaganwa rero!

Igihugu cyacu ni icyicaro cy'uburanga, kuko kibereye ijisho mu mpande zacyo zose: gifite ibisiza nay a misozi twavuze, usangamo imirambi, amataba, utununga, imigezi, ibiyaga, amashyamba n'Ibirunga irimo ingagi ba mukerarugendo bashikira.

Ubwiza bw'igihugu cyacu bunagaragarira mu isimburana ry'ibihe usanga ryoroheréye, ababisobanukiwe bakaba bemeza ko ya misozi yacu ibigiramo uruhare: umuhindo w'imvura ukurikirwa n'urugaryi rw'akazuba, itumba ry'imvura rikimukira impeshyi y'ubushyuhe, ariko burimo akayaga.

Umunyamahanga ngo yatembereye ino, aranyurwa. Agiye gutaha ati "ni uko iwabo w'umuntu hakundwa, ubundi nakwigumuye hano!"

Icyo Umunyarwanda w'umutima kandi wizihiwe no kuba we akwiye kwifuriza igihugu cye akanagiharanira ni ukuramba ingoma ibihumbi, guhorana amahoro ashingiye ku bwubahane, ubutabera n'ubufatanye, kugwiza amajyambere abyawe n'ubumwe bw'abagituye umurimo unoze, ubujijuke n'ikoranabuhanga.

**IBIBAZO**

**A. KUMVA UMWANDIKO**

**Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, toranya ibisubizo by'ukuri a, b, c, d, maze wandike mu tuzu inyuguti zigiye zijyana na byo.**

1. Ingingo y'ingenzi y'uyu mwandiko ni

a. Akamaro n'ubwiza by'u Rwanda

b. Umwete wa ba mukerarugendo ☐

c. Akamaro k'isimburana ry'ibihe ku isi

d. Akamaro ko kwibera mu mahanga.

2. U Rwanda barwita umutima w'Afurika kubera

a. ishusho yarwo imeze nk'umutima

b. ubukungu rufite ☐

c. aho ruherereye kuri uwo mugabane

d. imigezi n'ibiyaga byarwo.

3. Igihugu cyacu ni umurage kuko

a. cyahanzwe n'Abanyarwanda bariho ubu ☐

b. cyahanzwe n'abakurambere bacu

c. cyahanzwe n'abakoloni

d. kizahangwa n'abazavuka.

4. Unusanzwe impeshyi itangira muri

a. Gashyantare

b. Werurwe ☐

c. Kanama

d. Kamena.

5. Ba mukerarugendo bagera ino

a. bakishima

b. bakigisha ☐

c. bakahahama

d. bakivuza

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

6. Tanga imbusane y'ijambo "uburanga".

_______________________________________________

7. Uzurisha buri nteruro rimwe muri aya magambo:

Indangagaciro, ihebuje, ubumbye, biduhuza, umurava, kwamaganwa, umucyo, urugaryi, kugwiza, ikoranabuhanga, umuhindo, uturango, umurimo.

a. Maze _______________________________ ntutana n'inkuba!

b. Amajyambere ubu ashingiye ahanini ku

_______________________________________________

c. Sinzakwibagirwa: wangiriye ineza

_______________________________________________

d. Amacakubiri agomba _______________________________ iteka.

e. _______________________________ ugaragaza ubupfura busesuye.

**C. IKIBONEZAMVUGO**

8. Shira inshinga y'iyi nteruro mu nzagihe:

"Igihugu cyacu ni umubyeyi."

_______________________________________________.

9. Kosora iyi nteruro uyihindure mboneramvugo.

"Twirirwanye." _______________________________________________.

10. Sanisha iyi nteruro mu nteko ya karindwi:

"Umunyarwanda arakomeye."

_______________________________________________.

11. Andika inteko z'aya mazina:

(a). Imisozi _______________________________________________.

(b). Itumba _______________________________________________.

(c). Ubushyuhe _______________________________________________.

12. Garagaza uturemajambo tw'ayamazina n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe:

(a). Amoko _______________________________________________

(b). Imvura _______________________________________________

13. Amagambo aciyeho akarongo ni bwoko ki?

(a). Umuryango <u>mugari</u>

_______________________________________________.

(b). Indangagaciro <u>zimwe</u>

_______________________________________________.

(c). Ni <u>iryo</u> kwamaganwa!

_______________________________________________.

(d). <u>ya</u> misozi twavuze

_______________________________________________.

14. Vangura aya magambo areme interuro itunganye yubahirije utwatuzo.

nde, impamvu, basigaye, wambwira, ibizamini, ni, muri, bitanu, abanyeshuri, bakora, iyo, gatandatu, barangije, wa, umwaka, mwe.

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

**D. IMYANDIKIRE YEMEWE**

15. Kosora izi interuro niba zanditse nabi:

(a). Ni mwicarane nabo.

_______________________________________________.

(b). Ntawe utarishimiye iki gikombe.

_______________________________________________